



REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA



**RAPORO Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO
Y'IGIHUGU Y'AMATORA MU MWAKA WA
2017- 2018**

UGUSHYINGO 2018

IJAMBO RY'IBANZE

Hashingiwe ku Itegeko N°31/2005 ryo kuwa 24/12/2005 rigena Imiterere n'Imikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu mu ngingo ya 4 n'ya 28, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika Porogaramu na Raporo z'ibikorwa byayo. Niyo mpamvu hateguwe mu buryo burambuye raporo y'ibyakozwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018, hashingiwe kuri gahunda y'ibikorwa by'uwo mwaka no kuri gahunda y'imyaka itanu "Strategic Plan" 2012-2017.

Umwaka wa 2017-2018 wahuriranye n'ingengabihe y'amatora rusange abiri (2), amatora ya Perezida wa Repubulika yayobowe ku wa 3-4 Kanama 2017 n'amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite umwaka wa 2017-2018 warangiye ageze mu myiteguro ya nyuma kandi ibyari biteganyijwe muri urwo rwego byaratunganyijwe neza.

Uretse ayo matora avuzwe haruguru, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora mu byiciro bitatu amatora yo gusimbura Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'Izihariye batari bakiri mu myanya batorewe. icyiciro cya mbere cyakozwe hasimburwa Abayobozi b'izo Nzego zombi mu gihugu hose, icyiciro cya kabiri n'icya gatatu hasimburwa mu bihe bitandukanye abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Uturere 12 ndetse n'Umujyi wa Kigali.

Ibindi bikorwa byashyizwemo ingufu byunganiraga ibikorwa by'amatora nyirizina harimo ivugururwa ry'ilisiti y'itora, guhugura ibyiciro bigira uruhare rwa hafi mu matora harimo Abakorerabushake b'amatora no gukangurira abaturage mu gihugu no mu mahanga iby'amatora muri rusange, amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite by'umwihariko.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ntishidikanya ko ibyari biteganyijwe byagezweho, uwo ukaba ari umusaruro w'ubufatanye n'Inzego zitandukanye za Leta n'abandi bafatanyabikorwa mu matora ndetse n'uruhare rw'Abanyarwanda bose mu bikorwa by'amatora.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iboneyeho umwanya wo gushimira Abanyarwanda inkunga yabo n'ubwitabire bwabo mu matora, inabizeza ko itazigera itezuka ku nshingano yayo yo gukomeza guteza imbere amatora, demokarasi n'imiyoborere myiza mu Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa 09/11/2018

Prof. KALISA MBANDA,

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE	I
ISHAKIRO	II
ILISITI Y'IMBONERAHAMWE.....	III
ILISITI Y'IBISHUSHANYO	III
AMAGAMBO AHINNYE.....	IV
1. INTANGIRIRO	5
2. IBIKORWA BYARI BITEGANYIJWE	5
3. IBYAKOZWE	5
3.1. KUNOZA AMATEGEKO AGENGA AMATORA	5
3.1.1. ITEGEKO NGENGA RIGENGA AMATORA	6
3.1.2. ITEKA RYA PEREZIDA RIGENGA IGIHE CY'ITORA N'ICYO KWIYAMAMAZA MU MATORA Y'ABADEPITE	6
3.1.3. AMABWIRIZA AGENGA AMATORA Y'ABADEPITE	6
3.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA	7
3.2.1. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA.....	7
3.2.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA YO KUZUZA INZEGO ZITORERWA.....	11
3.2.3. GUTEGURA AMATORA Y'ABADEPITE YO MWAKA WA 2018.....	18
3.2.4. IKORANABUHANGA MU BIKORWA BY'AMATORA.....	19
3.3. INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU N'AMAHUGURWA KU MATORA.....	21
3.3.1. GUTEGURA ISUZUMAMIGENDEKERE RY'UBURERE MBONERAGIHUGU KU MATORA MU 2016-2017	21
3.3.2. GUTEGURA NO GUTUBURA IMFASHANYIGISHO	21
3.3.3. GUTANGA AMAHUGURWA N'IBIGANIRO KU MATORA.....	22
3.4. KUMENYAKANISHA IBIKORWA BYA KOMISIYO	23
3.4.1. GUTEGURA IKIGANIRO "INZIRA YA DEMOKARASI"	23
3.4.2. GUKORESHA IKORANABUHANGA MU GUKANGURIRA AMATORA	23
3.4.3. GUTEGURA NO GUKORESHA "SPOTS" N'UBUTUMWA KURI "WEBSITES"	23
3.4.4. GUTEGURA UBUTUMWA KU BYAPA BININI N'IBITAMBARO BIMANIKWA (BANNERS).....	24
3.4.5. GUTEGURA IBIGANIRO N'ABANYAMAKURU	24
3.5. IMIKORANIRE N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO	24
3.5.1. GUTEGURA NO GUKURIKIRANA AMASEZERANO Y'UBUFATANYE N'IBITANGAZAMAKURU	24
3.5.2. KUNOZA UMUBANO N'UBUFATANYE N'INZEGO MPUZAMAHANGA	24
3.5.3. KUNOZA UBUFATANYE N'INZEGO ZO MU GIHUGU.....	25
3.5.4. KWAKIRA ABASHYITSI	25
3.6. IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA	26
3.6.1. IMICUNGIRE Y'ABAKOZI.....	26
3.6.2. IMICUNGIRE Y'INGENGO Y'IMARI	27
3.7. IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA.....	29
3.7.1. IBIKORWA BY'INAMA Y'ABAKOMISERI	29
3.7.2. IBIKORWA BY'UBUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA	29
3.7.3. KUNOZA IMIKORERE YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA.....	30
3.8. KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA.....	31
3.8.1. KONGERERA UBUMENYI ABAKOMISERI N'ABAKOZI	31
3.8.3. IKORANABUHANGA	32
3.9. IBYAGEZWEHO N'INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE	34
4. INZITIZI ZAGARAGAYE	35
5. INGAMBA N'IBYIFUZO	35
6. IBIKORWA BY'INGENZI BITEGANYIJWE MU MWAKA WA 2018-2019	35
7. UMUSOZO.....	36
IMIGEREKA	37

ILISITI Y'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe ya 1: Kandidatire zakiriwe ku mwanya wa Perezida wa Repubulika	7
Imbonerahamwe ya 2: Imibare y'Ibiro n'Ibyumba by'itora byakoreshejwe	8
Imbonerahamwe ya 3: Imibare y'imodoka zakoreshejwe mu Itora	9
Imbonerahamwe ya 4: Ubwitabire mu matora ya Perezida wa Repubulika	10
Imbonerahamwe ya 5: Amajwi Abakandida bagize mu Gihugu no mu mahanga	11
Imbonerahamwe ya 6: Abayoboye amatora yo kuzuza Inzego z'Ibanze n'Izihariye mu 2017-2018.....	11
Imbonerahamwe ya 7: Kandidatire zakiriwe n'izemejwe mu kuzuza Njyanama z'Uturere mu 2017-2018.....	13
Imbonerahamwe ya 8: Ubwitabire n'abatowe mu Nzego z'Ibanze n'Abayobozi batowe	14
Imbonerahamwe ya 9: Ubwitabire n'abatowe muri Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore	15
Imbonerahamwe ya 10: Ubwitabire n'abatowe muri Komite y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko	16
Imbonerahamwe ya 11: Ubwitabire n'abatowe muri Komite Nyobozi y'Igihugu y'Abafite Ubumuga	16
Imbonerahamwe ya 12: Abatowe mu Nzego zose kuva ku Mudugudu kugera ku Karere n'Umujiyi wa Kigali	17
Imbonerahamwe ya 13: Abayobozi batowe muri Werurwe 2016 n'Abasimbuwe nyuma.....	17
Imbonerahamwe ya 14: Abari ku ilisiti y'itora mu gusimbura Abajyanama rusange mu Nama Njyanama z'Uturere	19
Imbonerahamwe ya 15: Imiterere y'ilisiti y'itora y'agateganyo	21
Imbonerahamwe ya 16: Imfashanyigisho ku matora zatubuwe mu mwaka wa 2017-2018.....	21
Imbonerahamwe ya 17: Abahawe amahugurwa n'ibiganiro ku matora mu mwaka wa 2017-2018.....	22
Imbonerahamwe ya 18: Imibare y'abakozi ba KIA mu mwaka wa 2017-2018	26
Imbonerahamwe ya 19: Abakozi bazamuwe mu ntera	27
Imbonerahamwe ya 20: Imikoreshereze y'ingengo y'imari mu mwaka wa 2017-2018	29
Imbonerahamwe ya 21: Amahugurwa n'ibikorwa nyungurabumenyi byakozwe mu 2017-2018.....	31
Imbonerahamwe ya 22: Amakuru atandukanye yashyizwe kuri Website ya KIA	33
Imbonerahamwe ya 23: Incamake y'Ingengo y'Imari yakoreshejwe mu mwaka wa 2017-2018.....	34

ILISITI Y'IBISHUSHANYO

Igishushanyo cya 1: Ikigereranyo cy'Abayobozi bamaze gusimburwa mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye (%).....	18
Igishushanyo cya 2: Inkomoko n'ingano y'ingengo y'imari yakoreshejwe mu mwaka wa 2017-2018	34

AMAGAMBO AHINNYE

AAEA	Ishyirahamwe Nyafurika ry'Inzego ziyobora amatora (Association of African Electoral Authorities/ Association des Autorités Electorales en Afrique)
DGPR	Ishyaka riharanira Demokarasi no kurengera Ibidukukije mu Rwanda
EAC	Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (East African Community)
CUG	Closed User Group
FPR	Front Patriotique Rwandais
IPPIS	Integrated Payroll and Personnel Information System
KIA	Komisiyo y'Igihugu y'Amatora
MIFOTRA	Minisiteri y'Abakozi ba Leta
MINALOC	Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (Ministry of Local Government)
MINECOFIN	Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (Ministry of Finance and Economic Planning)
NCB	Uburyo bw'ipiganwa risesuye mu masoko ya Leta mu gihugu (National Competitive Bidding)
NCPD	Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga (National Council of People with Disabilities)
NIDA	Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Indangamuntu (National Identification Agency)
NLRC	Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe ivugurura ry'Amategeko (National Law Reform Commission)
NWC	Inama y'Igihugu y'Abagore (National Women Council)
NYC	Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (National Youth Council)
OAG	Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta (Office of Auditor General)
OL	Itegeko Ngenga (Organic Law)
PSF	Urugaga rw'Abikorera (Private Sector Federation)
RBA	Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (Rwanda Broadcasting Agency)
RMC	Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura (Rwanda Media Commission)
SMS	Ubutumwa bugufi kuri telefoni
UNDP	Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (United Nations Development Program)

1. INTANGIRIRO

Mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize ingufu mu bikorwa bijyanye no gutegura no gukurikirana ibirebana n'amategeko agenga amatora, imyiteguro ya nyuma n'imiyoborere y'amatora ya Perezida wa Repubulika yakozwe ku wa 3-4 Kanama 2017, gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye, gutegura no gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora, imyiteguro y'amatora y'Abadepite yari ateganyijwe muri Nzeri 2018, kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo binyuze mu nama z'Abafatanyabikorwa n'indi miyoboro y'itumanaho, gutunganya ibikorwa bitandukanye bijyanye n'imikorere n'imiyoborere bya buri munsu muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Ibyakozwe mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ibikesha imikorere myiza y'Inzego zayo, ubufatanye n'abafatanyabikorwa mu matora batandukanye n'ubushobozi bwo gutunganya ibikorwa binyuranye yahawe na Guverinoma y'u Rwanda.

Iyi raporo iragaragaza mu buryo burambuye ibyari biteganyijwe gukorwa, imigendekere y'ibyakozwe kuva muri Nyakanga 2017 kugera muri Kamena 2018, inzitizi zagaragaye, ingamba n'ibyifuzo n'ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe mu mwaka wa 2018-2019.

2. IBIKORWA BYARI BITEGANYIJWE

Nk'uko bigaragara kuri gahunda y'ibikorwa ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mwaka wa 2017-2018, ibikorwa by'ingenzi byari biteganyijwe mu mwaka ni ibi bikurikira:

- 1) Gutubura ilisiti y'itora yakoreshejwe mu matora ya Perezida wa Repubulika;
- 2) Gukurikirana ibikorwa by'amatora nyirizina ya Perezida wa Repubulika, kuyayobora no gutangaza ibyayavuyemo;
- 3) Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye;
- 4) Gutegura umushinga wa gahunda y'amatora y'Abadepite, gukurikirana iyemezwa ryayo no kumenyekanisha gahund yemejwe;
- 5) Gutegura gahunda y'Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora no kuyishyira mu bikorwa;
- 6) Gukurikirana iyemezwa ry'Itegeko Ngenga rigenga Amatora;
- 7) Gutegura no gukurikirana ibirebana n'amatora y'Abadepite;
- 8) Gutegura no gukora inama n'abafatanyabikorwa;
- 9) Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo binyuze mu miyoboro y'itumanaho inyuranye;
- 10) Kuvugurura ilisiti y'itora yagombaga gukoreshwa mu matora y'Abadepite;
- 11) Kunoza ikoresheya ry'ikorabuhanga mu bikorwa by'amatora;
- 12) Kunoza igenamigambi ry'umwaka wa 2017-2018 n'iry'umwaka wa 2018-2019;
- 13) Kongerera ubushobozi n'ubumenyi Abakomiseri n'abakozi ba Komisiyo.

3. IBYAKOZWE

3.1. KUNOZA AMATEGEKO AGENGA AMATORA

Mu rwego rwo kunoza ibirebana n'amategeko agenga amatora, mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yibanze ku bikorwa byo gutegura no gukurikirana iyemezwa ry'Amategeko,

Amateka n'Amabwiriza arebana n'amatora muri rusange, amatora y'Abadepite yo kuwa 2, 3 na 4 Nzeri 2018 by'umwihariko.

3.1.1. Itegeko Ngenga rigenga Amatora

Umwaka wa 2016-2017 warangiye umushinga w'Itegeko Ngenga rigenga Amatora umaze kunozwa na Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe ivugurura ry'Amategeko (NLRC) hashingiwe ku bitekerezo byatanze na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, binyujijwe muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu.

Mu mwaka wa 2017-2018, umushinga w'Itegeko Ngenga rigenga Amatora wakomeje gukurikiranwa umunsi ku wundi mu Nzego zose zigira uruhare mu iyemezwa ryawo. Uwo mushinga wemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 08/11/2017, wemezwa n'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite na Sena. Itegeko Ngenga rigenga amatora N° 004/2018.OL. ryashyizweho umukono kuwa 21/06/2018, risohoka mu Igazeti ya Leta N° 26 yo kuwa 25/06/2018.

Iyemezwa ku gihe ry'Itegeko Ngenga rigenga amatora ryafashije Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kurushaho kunoza ibikorwa by'imyiteguro y'Amatora y'Abadepite cyane cyane ku birebana no kunoza Amabwiriza agenga ayo matora.

3.1.2. Iteka rya Perezida rigenga igihe cy'itora n'icyo kwiyamamaza mu matora y'Abadepite

Mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye Imbanzirizamushinga y'Iteka rya Perezida rigenga umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'Abadepite. Binyujijwe muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Umushinga w'Iteka rya Perezida washyikirijwe kandi wemezwa n'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 24/02/2018.

Iteka rya Perezida rigenga iminsi y'amatora n'igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'Abadepite ryashyizweho umukono kuwa 02/06/2018, risohoka mu Igazeti ya Leta N° Special yo kuwa 07/06/2018.

3.1.3. Amabwiriza agenga amatora y'Abadepite

Umushinga w'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga amatora y'Abadepite warateguwe wunguranwaho ibitekerezo n'Inzego zose za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Nyuma y'iyemezwa ry'Itegeko Ngenga rigenga amatora, umushinga w'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga amatora y'Abadepite wakomeje kunononsorwa yemezwa n'Inama y'Abakomiseri yo kuwa 09/07/2018.

Uwo mushinga w'Amabwiriza ugizwe n'Imitwe icumi (10) ikurikira:

- 1) Ingingo rusange;
- 2) Ilisiti y'itora;
- 3) Inshingano n'imyitwarire by'abayobora amatora;
- 4) Inshingano n'imyitwarire y'abagira uruhare mu bikorwa by'amatora;
- 5) Gutanga kandidatire;
- 6) Kwiyamamaza;
- 7) Ibirebana n'itora nyirizina;
- 8) Ibarura n'ikusanya ry'amajwi;
- 9) Imigendekere y'amatora mu mahanga;
- 10) Ingingo zinyuranye n'izisoza.

3.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA

Mu birebana no gutegura no kuyobora amatora, mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora ya Perezida wa Repulika n'amatora yo gusimbura mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye, inatangira imyiteguro y'amatora y'Abadepite yo mu mwaka wa 2018.

3.2.1. Gutegura no kuyobora amatora ya Perezida wa Repubulika

Mu mwaka wa 2017-2018 hakoze imyiteguro ya nyuma hanayoborwa amatora ya Perezida wa Repubulika yo kuwa 3-4 Kanama 2017. Umwaka watangiye ibikorwa by'amatora bigeze ku gikorwa cyo kwakira kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika cyatangiye kuwa 12 Nyakanga 2017. Raporo irambuye y'amatora ya Perezida wa Repubulika yarakozwe kandi ishyikirizwa Inzego ziteganywa n'amategeko.

3.2.1.1. Kwakira no kwemeza kandidatire

Ishingiye ku biteganywa n'ingingo ya 99 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015 no ku ingingo ya 81, iya 82 n'ya 83 z'Itegeko N^o 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, nk'uko byari biteganyijwe, kuwa tariki ya 12 kugeza ku ya 23 Kamena 2017, Komisiyo yakiriye Kandidatire esheshatu (6) ku mwanya wa Perezida wa Repubulika. Izo Kandidatire zakiriwe ku matariki anyuranye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya mbere ikurikira.

Imbonerahamwe ya 1: Kandidatire zakiriwe ku mwanya wa Perezida wa Repubulika

Itariki	Umukandida wakiriwe	Icyiciro umukandida aturukamo
12/06/2017	Bwana HABINEZA Frank	Ishyamba riharanira Demokarasi no kurengera ibidukukije mu Rwanda (DGPR)
	Bwana MWENEDATA Gilbert	Umukandida wigenga
	Bwana BARAFINDA SEKIKUBO Fred.	Umukandida wigenga
20/06/2017	Madamazela RWIGARA NSHIMYIMANA Diane	Umukandida wigenga
22/06/2017	Bwana MPAYIMANA Philippe	Umukandida wigenga
22/06/2017	Nyakubahwa KAGAME Paul	Umuryango FPR-Inkotanyi

Nk'uko bigaragara, muri kandidatire esheshatu harimo kandidatire 4 z'abakandida bigenga na kandidatire 2 zatanze n'abakandida b'Imitwe ya Politiki. Mu bakandida batandatu, harimo umugore umwe (1) n'abagabo batanu (5).

Kuri kandidatire zakiriwe, hemejwe kandi hatangazwa burundu kuwa 7 Nyakanga 2017 abakandida bakurikira:

- 1) Bwana HABINEZA Frank;
- 2) Bwana MPAYIMANA Philippe;
- 3) Nyakubahwa KAGAME Paul.

3.2.1.2. Gukurikirana igikorwa cyo kwiyamamaza kw'Abakandida

Ibikorwa byo kwamamaza no kwiyamamaza kw'Abakandida byakozwe kuwa tariki ya 14 Nyakanga kugeza ku ya 03 Kanama 2017. Abakandida biyamamariye mu Gihugu hose no muri za Ambasade hakoreshejwe uburyo butandukanye burimo n'ikoranabuganga nk'uko biteganywaga n'Amategeko n'Amabwiriza.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yasinyanye amasezerano y'imikoranire hagati yayo n'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (RBA) ku birebana no guha umwanya ungana abakandida bemerewe kwiyamamaza mu itangazamakuru rya Leta.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagiranye kandi amasezerano n'Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura (RMC) yo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Itegeko ritanga uburenganzira bungana ku bakandida, bwo mu kwiyamamaza mu bitangazamakuru bya Leta. Nk'uko bigaragazwa na raporo ya RMC, abakandida bose bahawe muri rusange amahirwe angana mu kwiyamamaza hakoreshejwe ibitangazamakuru bya Leta.

Igikorwa cyo kwiyamamaza muri rusange cyagenze neza kuko cyakozwe mu ituze, mu bwisanzure n'umutekano hubahirizwa amategeko n'amabwiriza agenga amatora ya Perezida wa Repubulika, kandi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagikurikiranye umunsi ku wundi.

3.2.1.3. Kugena ahatorewe

Nk'uko biteganywa n'Itegeko n'Amabwiriza agenga amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagennye kandi yemeza ibiro by'itora **2,343** n'ibyumba by'itora **16,691** mu gihugu. Mu mahanga hemejwe ibiro by'itora **98** n'ibyumba **111**. Mu Rwanda no mu mahanga ibiro by'itora byatoweho bingana na **2,441** hamwe ibyumba by'itora **16,802** nk'uko imbonerahamwe ya 2 ikurikira ibyerekanwa.

Imbonerahamwe ya 2: Imibare y'Ibiro n'Ibyumba by'itora byakoreshejwe

Intara/ Umujyi wa Kigali/ Diaspora	Inzego z'Imitegekere y'Igihugu			Ahatorewe	
	Imirenge	Utugari	Imidugudu	Ibiro (Site)	Ibyumba
Amajyaruguru	89	414	2,744	443	2,910
Amajyepfo	101	532	3,501	564	3,933
Iburasirazuba	95	503	3,792	577	4,184
Iburengerazuba	96	538	3,623	584	3,859
Umujyi wa Kigali	35	161	1,163	175	1,805
Igiteranyo mu Gihugu	416	2,148	14,823	2,343	16,691
Diaspora	-	-	-	98	111
Igiteranyo rusange	416	2,148	14,823	2,441	16,802

3.2.1.4. Kugeza ibikoresho by'amatora ahatorewe

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagejeje ibikoresho ahatorewe hose mbere y'Umunsi w'Itora, ku bufatanye n'Inzego za Leta n'iz'Abikorera. Kugira ngo ibyo bishoboke, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakodesheje imodoka 600 zifashishijwe mu kugeza ibikoresho by'amatora ahatorerwa no kubigarura mu bubiko bwabyo nyuma y'amatora. Izo modoka zakoreshejwe kandi mu gukurikirana ibikorwa by'amatora hirya no hino mu Gihugu. Imbonerahamwe ya 3 igarazagaza umubare w'imodoka zakoreshejwe mu Ntara, mu Turere no ku Cyicaro Gikuru cya Komisiyo.

Uretse izo modoka zakodeshejwe, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatijwe kandi imodoka **20** nini n'Ingabo z'Igihugu ndetse na Polisi y'Igihugu, zifashishijwe mu kugeza ibikoresho by'amatora mu Turere twose tw'Igihugu.

Imbonerahamwe ya 3: Imibare y'imodoka zakoreshejwe mu Itora

Intara/Umujyi wa Kigali/ Icyicaro Gikuru cya KIA	Umubare w'imodoka		
	Intara n'Icyicaro Gikuru cya KIA	Akarere	Zose
AMAJYARUGURU	2	116	118
Musanze		19	
Burera		22	
Gakenke		25	
Rulindo		22	
Gicumbi		28	
AMAJYEPFO	2	134	136
Huye		18	
Gisagara		17	
Ruhango		12	
Muhanga		16	
Kamonyi		14	
Nyaruguru		18	
Nyamagabe		24	
Nyanza		15	
IBURASIRAZUBA	2	139	141
Nyagatare		20	
Gatsibo		20	
Kayanza		19	
Kirehe		16	
Ngoma		22	
Bugesera		22	
Rwamagana		20	
IBURENGERAZUBA	2	135	137
Rusizi		26	
Nyamasheke		20	
Rutsiro		17	
Rubavu		16	
Ngororero		19	
Nyabihu		18	
Karongi		19	
UMUJYI WA KIGALI	2	49	51
Gasabo		22	
Nyarugenge		15	
Kicukiro		12	
ICYICARO GIKURU	17	-	17
IMODOKA ZOSE ZAKORESHEJWE			600

3.2.1.5. Kuyobora amatora ya Perezida wa Repubulika no gutangaza ibyavuyemo

Amatora ya Perezida wa Repubulika yayobowe neza, ku bufatanye bw'Abakomiseri, Abakozi n'Abakorera bushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, kandi hubahirizwa Amategeko n'Amabwiriza agenga amatora. Ibyavuye muri ayo matora byatangarijwe Abanyarwanda vuba, by'agateganyo kuwa

05/08/2017, no mu buryo bwa burundu kuwa 09/08/2017, hifashishijwe ikoranabuhanga ryihuse ndetse n'ibitangamakuru bitandukanye.

1) Imigendekere y'amatora nyirizina n'ibyavuyemo

Nk'uko byari biteganyijwe kuri gahunda y'amatora, ku wa 03-04 Kanama 2017 mu gihugu no muri Ambasade z'u Rwanda mu mahanga hose amatora ya Perezida wa Repubilika yagenze neza, arangwa n'ubwitabire ku gipimo cya **98.15%**, ituze, ubwisanzure n'umutekano bisesuye. Ayo matora yayobowe ku bufatanye bw'Abakomiseri, Abakozi n'Abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'abahaagarariye u Rwanda mu bindi bihugu, hifashishijwe kandi hubahirizwa Amategeko n'Amabwiriza agenga amatora.

2) Gutangiza itora no kuyobora amatora nyirizina

Nk'uko biteganywa n'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mbere yo gutangira kuyobora amatora, Abakorerabushake barahirira mu ruhame indahiro iteganywa n'Itegeko rigenga amatora. Bakagaragaza ko udusanduka tw'itora turimo ubusa, bakadufungira imbere y'Abaturage baje gutora ndetse n'Indorerezi.

Indorerezi n'abahagarariye Abakandida barakiriwe, bakurikirana uko igikorwa cy'itora kigenda kugeza gisoje. Bakurikiranye kandi ibikorwa by'ibarura n'ihuzwa ry'amajwi ku nzego byakoreweho.

3) Ubwitabire mu matora

Amatora ya Perezida wa Repubilika yitabiriwe ku buryo bushimishije ku gipimo cya **98.15%**. Ibi bigaragaza ko inyigisho z'Uburere Mboneragihugu zatanze umusaruro ushimishije. Imbonerahamwe ya 4 ikurikira iragaragaza uko ubwitabire bwari bwifashe mu Ntara, Umujyi wa Kigali no muri Diaspora.

Imbonerahamwe ya 4: Ubwitabire mu matora ya Perezida wa Repubilika

Intara/Umujyi wa Kigali	Abagombaga gutora	Abatoye		Abatoye neza		Impfabusa	
		Bose	%	Bose	%	Zose	%
Amajyaruguru	1,147,059	1,131,084	98.61	1,129,075	99.82	2,009	0.18
Amajyepfo	1,625,276	1,597,179	98.27	1,595,232	99.88	1,947	0.12
Iburasirazuba	1,660,690	1,633,953	98.39	1,631,845	99.87	2,108	0.13
Iburengerazuba	1,580,392	1,554,293	98.35	1,551,280	99.81	3,013	0.19
Umujyi wa Kigali	839,297	813,286	96.90	810,065	99.60	3,221	0.40
Diaspora	44,362	39,719	89.53	39,707	99.58	12	0.03
Igiteranyo	6,897,076	6,769,514	98.15	6,757,204	99.82	12,310	0.18

Iyi mbonerahamwe igaragaza ko umubare w'abagombaga gutora mu Rwanda no mu mahanga ari **6,897,076**, abitabiriye amatora ari **6,769,514** bahwanye na **98.15%**, naho abatoye neza ni **6,757,204** bangana na **99.82%**. Ibi bigaragaza intambwe Abanyarwanda bamaze gutera mu kwimakaza Demokarasi n'imiyooborere myiza y'Igihugu.

Muri aya matora kandi hagaragaye impfabusa **12,310** zingana na **0.18%**, byumvikana ko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igomba gukomeza inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora, kugira ngo Abanyarwanda bese barushaho gusobanukirwa uburyo bwo gutora neza.

Nyuma y'ibarura n'ihuzwa ry'amajwi mu Gihugu no muri Diaspora, Abakandida barushanije amajwi nk'uko biboneka mu mbonerahamwe ya 5 ikurikira.

Imbonerahamwe ya 5: Amajwi Abakandida bagize mu Gihugu no mu mahanga

Intara/ Umujyi wa Kigali	Abatoye neza	Amajwi abakandida babonye					
		HABINEZA Frank		MPAYIMANA Philippe		KAGAME Paul	
		Amajwi	%	Amajwi	%	Amajwi	%
Amajyaruguru	1,129,075	3,791	0.3	9,739	0.9	1,115,545	98.8
Amajyepfo	1,595,232	9,843	0.6	11,187	0.7	1,574,202	98.7
Iburasirazuba	1,631,845	3,374	0.2	8,044	0.5	1,620,427	99.3
Iburengerazuba	1,551,280	10,451	0.7	14,658	0.9	1,526,171	98.4
Umujyi wa Kigali	810,065	4,141	0.5	4,748	0.6	801,176	98.9
Diaspora	39,707	1,101	2.8	655	1.6	37,951	95.6
Igiteranyo	6,757,204	32,701	0.5	49,031	0.7	6,675,472	98.8

Iyi mbonerahamwe ya 5 iragaragaza ko Nyakubahwa **HABINEZA Frank** yagize amajwi 32,701 angana na 0.5%, Nyakubahwa **MPAYIMANA Philippe** yagize amajwi 49,031 ahwanye na 0.7% naho Nyakubahwa **KAGAME Paul** agira amajwi **6,675,472** ahwanye na **98.8%**. Bityo Umukandida watorewe kuba Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba ari uwarushije abandi amajwi, ari we Nyakubahwa **KAGAME Paul**.

3.2.2. Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuzwa inzego zitorerwa

Mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora yo gusimbura Abayobozi batari bakiri mu myanya mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye mu cyiciro kimwe (1) mu kuzuzwa inzego zitorerwa zose no mu byiciro bitatu (3) ku nzego zitorerwa ku rwego rw'Akarere n'Umujyi wa Kigali ku buryo bukurikira:

- **Icyiciro cya 1:** Ukwakira-Ugushyingo 2017 mu gihugu hose huzuzwa Inzego zose zitorerwa;
- **Icyiciro cya 2:** Mutarama-Werurwe 2018 mu Turere twa Nyamagabe na Nyaruguru huzuzwa Inama Njyanama na Komite Nyobozi z'Uturere;
- **Icyiciro cya 3:** Gicurasi-Kamena 2018 mu gihugu hose huzuzwa Inama Njyanama na Komite Nyobozi mu Turere 10 (Ruhango, Gasabo, Rusizi, Nyabihu, Gicumbi, Nyagatare, Huye, Nyaruguru, Bugesera na Kayanza).

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye gahunda y'amatora yo kuzuzwa, itunganya ibikorwa binyuranye, imyanya itarimo abayobozi iratorerwa uko yagendaga imenyeshwa na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu.

3.2.2.1. Gushyiraho abayoboye amatora

Hashingiwe ku mubare w'imyanya yagombaga gutorerwa kuri buri cyiciro cy'amatora n'imyitwarire y'Abakorerabushake, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho kandi ihugura abayoboye amatora kuva ku Mudugudu kugera ku rwego rw'Intara, nk'uko imbonerahamwe ya 6 ikurikira ibyerekana.

Imbonerahamwe ya 6: Abayoboye amatora yo kuzuzwa Inzego z'Ibanze n'Izihariye mu 2017-2018

Intara/Umujyi wa Kigali	Umubare w'Abakorerabushake					Igiteranyo
	Ku Ntara	Uturere	Imirenge	Ibiro	Ibyumba	
Amajyaruguru	1	5	178	414	1,780	2,378
Amajyepfo	1	8	202	532	3,491	4,234
Iburasirazuba	1	7	190	503	4,672	5,373
Iburengerazuba	1	7	192	538	4,525	5,263
Umujyi wa Kigali	1	3	70	161	1,179	1,414
Igiteranyo	5	30	832	2,148	15,647	18,662

3.2.2.2. Kwakira no kwemeza kandidatire

Hashingiwe ku mategeko, amabwiriza na gahunda z'amatora yo kuzuza mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye, kandidatire zarakiriwe kandi ziremezwa mu bihe bitandukanye mu mwaka wa 2017-2018. Imbonerahamwe ya 7 ikurikira irerekana imibare ya kandidatire zakiriwe n'izemejwe ku bifuzaga kujya mu Nama Njyanama z'Uturere.

Imbonerahamwe ya 7: Kandidatire zakiriwe n'izemejwe mu kuzuza Njyanama z'Uturere mu 2017-2018

INTARA/ UMUJYI WA KIGALI	AKARERE	KANDIDATIRE		
		IZAKIRIWE	IZEMEJWE	%
AMAJYARUGURU		29	27	93
	1. GICUMBI	17	17	
	2. GAKENKE	6	6	
	3. RULINDO	2	2	
	4. BURERA	4	2	
AMAJYEPFO		60	60	100
	5. NYAMAGABE	7	7	
	6. KAMONYI	5	5	
	7. NYARUGURU	8	8	
	8. RUHANGO	27	27	
	9. HUYE	13	13	
IBURASIRAZUBA		46	44	96
	10. NGOMA	3	3	
	11. NYAGATARE	14	14	
	12. BUGESERA	20	20	
	13. KAYONZA	9	7	
IBURENGERAZUBA		46	43	93
	14. NYABIHU	20	19	
	15. RUBAVU	6	5	
	16. NGORORERO	2	1	
	17. RUTSIRO	2	2	
	18. KARONGI	4	4	
	19. RUSIZI	10	10	
	20. NYAMASHEKE	2	2	
UMUJYI WA KIGALI		7	7	100
	21. GASABO	5	5	
	22. NYARUGENGE	2	2	
IGITERANYO RUSANGE		188	181	96

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, kuri kandidatire **188** z'abifuzaga gusimbura mu Nama Njyanama z'Uturere 22 zakiriwe, kandidatire **181 (96%)** zemejwe burundu n'Inama y'Abakomiseri nk'uko biteganywa n'amategeko. Ibi biragaragaza ko Abanyarwanda bamaze gusobanukirwa n'uburenganzira bwabo bwo gupiganirwa imyanya itorerwa ari benshi kandi bazirikana kuzuza ibyangombwa bisabwa abakandida.

3.2.2.3. Imigendekere y'amatora yo kuzuza Inzego z'Ibanze n'Izihariye

Iki gice cya raporo kiragaragaza ubwitabire, imigendekere y'amatora nyirizina n'imibare y'abatowe nk'uko imbonerahamwe za 8, 9,10 na11zikurikira zibyerekana.

Imbonerahamwe ya 8: Ubwitabire n'abatowe mu Nzego z'Ibanze n'Abayobozi batowe

URWEGO	Intara/ Umujyi wa Kigali	UBWITABIRE			ABATOWE				
		Abagomba ga gutora	Abatoye		Bose	Gore		Gabo	
			Bose	%		Bose	%	Bose	%
KOMITE NYOBOZI Z'IMIDUGUDU	Amajyaruguru	236,257	185,433	78.5	1,044	412	39.5	632	60.5
	Amajyepfo	560,476	540,184	96.4	1,391	490	35.2	901	64.8
	Iburasirazuba	494,440	445,265	90.1	2,224	722	32.5	1,502	67.5
	Iburengerazuba	512,506	434,977	84.9	2,294	674	29.4	1620	70.6
	Umujyi wa Kigali	444,642	347,255	78.1	730	257	35.2	473	64.8
	Igiteranyo	2,248,321	1,953,114	86.9	7,683	2,555	33.3	5,128	66.7
INAMA NYANAMA Z'UTUGARI	Amajyaruguru	7,329	6103	83.3	244	79	32.4	165	67.6
	Amajyepfo	9,993	8,712	87.2	437	151	34.6	286	65.4
	Iburasirazuba	129,282	123,821	95.8	523	201	38.4	322	61.6
	Iburengerazuba	182,683	161,829	88.6	479	162	33.8	317	66.2
	Umujyi wa Kigali	97,233	70,199	72.2	221	108	48.9	113	51.1
	Igiteranyo	426,520	370,664	86.9	1,904	701	36.8	1,203	63.2
INAMA NYANAMA Z'IMIRENGE	Amajyaruguru	1,708	1,417	83.0	66	17	25.8	49	74.2
	Amajyepfo	1,528	1,269	83.0	96	35	36.5	61	63.5
	Iburasirazuba	1,881	1,626	86.4	79	31	39.2	48	60.8
	Iburengerazuba	2,836	2,448	86.3	125	53	42.4	72	57.6
	Umujyi wa Kigali	264	219	83.0	49	21	42.9	28	57.1
	Igiteranyo	8,217	6,979	84.9	415	157	37.8	258	62.2
INAMA NYANAMA Z'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI	Amajyaruguru	131,291	112,429	85.6	11	3	27.3	8	72.7
	Amajyepfo	191,004	172,128	90.1	15	6	40.0	9	60.0
	Iburasirazuba	188,511	173,437	92.0	11	5	45.5	6	54.5
	Iburengerazuba	206,971	194,972	94.2	18	7	38.9	11	61.1
	Umujyi wa Kigali	20,456	18,963	92.7	4	3	75.0	1	25.0
	Igiteranyo	6,104,349	5,333,443	87.4	59	24	40.7	35	59.3
BIRO NA KOMITE NYOBOZI Z'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI	Amajyaruguru	72	66	91.7	5	1	20.0	4	80.0
	Amajyepfo	275	222	80.7	11	3	27.3	8	72.7
	Iburasirazuba	45	37	82.2	9	6	66.7	3	33.3
	Iburengerazuba	304	232	76.3	5	1	20.0	4	80.0
	Umujyi wa Kigali	15	12	80.0	1	1	100.0	0	0.0
	Igiteranyo	711	569	80.0	31	12	38.7	19	61.3
MU GIHUGU HOSE		8,788,118	7,664,769	87.2	10,092	3,449	34.2	6,643	65.8

Nk’uko biboneka muri iyi mbonerahamwe, ku bagombaga gutora 8,788,118 hatoye abangana na 7,664,769 (87.2%), kandi hatorwa mu Nzego z’Ibanze abayobozi basimbura 10.09 barimo 3,449 (34.2) b’abagore.

Imbonerahamwe ya 9: Ubwitabire n’abatowe muri Komite Nyobozi z’Inama y’Igihugu y’Abagore

URWEGO	Intara/ Umujyi wa Kigali	INZEGO			UBWITABIRE			ABATOWE		
		ZOSE	Izatoye		Abagombaga gutora	Abatoye		Bose	Gore	
			Zose	%		Bose	%		Bose	%
KU MIDUGUDU	Amajyaruguru	2,744	181	6.6	184,081	134,876	73.3	246	246	100
	Amajyepfo	3,501	162	4.6	22,977	21,291	92.9	274	274	100
	Iburasirazuba	3,792	361	9.5	76,046	65,450	86.1	546	546	100
	Iburengerazuba	3,624	116	3.2	67,051	55,666	83	227	227	100
	Umujyi wa Kigali	1,176	227	19.5	157,019	121,488	77.4	374	374	100
	Igiteranyo	14,837	1,047	7.1	507,174	398,771	78.6	1667	1667	100
KU TUGARI	Amajyaruguru	414	108	26.1	3,780	3,103	82.1	135	135	100
	Amajyepfo	532	118	22.2	3,235	3,903	89.7	189	189	100
	Iburasirazuba	503	180	35.8	19,404	17,388	89.6	294	294	100
	Iburengerazuba	538	160	29.7	13,376	10,848	81.1	120	120	100
	Umujyi wa Kigali	161	56	34.8	2,220	1,475	66.4	79	151	100
	Igiteranyo	2,148	622	29	42,015	36,717	87.4	817	817	100
KU MIRENGE	Amajyaruguru	89	21	23.6	945	728	77	27	27	100
	Amajyepfo	101	33	32.7	988	893	90.1	90	90	100
	Iburasirazuba	95	39	41.1	1,828	1,676	91.7	65	65	100
	Iburengerazuba	96	42	43.8	889	802	90.2	62	62	100
	Umujyi wa Kigali	35	18	51.4	540	426	78.8	25	25	100
	Igiteranyo	416	153	36.8	5,090	4,525	88.9	269	269	100
KU TURERE	Amajyaruguru	5	-	-	-	-	-	-	-	-
	Amajyepfo	8	1	12.5	91	81	89	1	1	100
	Iburasirazuba	7	1	14.3	105	92	87.6	1	1	100
	Iburengerazuba	7	-	-	-	-	-	-	-	-
	Umujyi wa Kigali	-	-	-	-	-	-	-	-	-
	Igiteranyo	27	2	6.6	196	173	88.3	2	2	100
MU GIHUGU		-	-	-	554,475	440,186	79.4	2,755	2,755	100

Muri Komite Nyobozi z’Inama y’Igihugu y’Abagore hagombaga gutora abangana na 554,475 hatora 440,186 bahwanye na **79.4%**, kandi hatorwa abasimbura 2,755 cyane cyane ku rwego rw’Imidugudu, bese b’abagore.

Imbonerahamwe ya 10: Ubwitabire n'abatowe muri Komite y'Inama y'Igihugu y'Urubiruko

URW EGO	Intara/ Umujyi wa Kigali	INZEGO			UBWITABIRE			ABATOWE				
		ZOSE	Inzego zatoye		Abagombaga gutora	Abatoye		Bose	Gore		Gabo	
			Zose	%		Bose	%		Bose	%	Bose	%
KU MIDUGUDU	Amajyaruguru	2,744	454	16.5	32,004	23,317	72.9	318	79	24.8	239	75.2
	Amajyepfo	3,501	374	10.7	32,683	28,905	88.4	536	226	42.2	310	57.8
	Iburasirazuba	3,792	288	7.6	82,524	73,998	89.7	406	169	41.6	237	58.4
	Iburengerazuba	3,624	98	2.7	47,626	41,892	88	309	118	38.2	191	61.8
	Umujyi wa Kigali	1,176	224	19.3	23,634	20,382	86.2	245	96	36.2	149	56.2
	Igiteranyo	14,837	1,438	9.7	218,471	188,494	86.3	1,814	688	37.9	1,126	62.1
KU TUGARI	Amajyaruguru	414	140	33.8	4,900	3,519	71.2	215	58	27	157	73.0
	Amajyepfo	532	239	44.9	4,924	4,497	91.3	365	124	34	241	66.0
	Iburasirazuba	503	132	26.2	32,482	30,153	92.8	343	118	34.4	225	65.6
	Iburengerazuba	538	242	45	3,275	3,002	91.7	301	105	34.9	196	65.1
	Umujyi wa Kigali	161	76	47.2	3,210	2,328	72.5	133	60	41.9	73	50.3
	Igiteranyo	2,148	829	38.6	48,791	43,499	89.2	1,357	465	34.3	892	65.7
KU MIRENGE	Amajyaruguru	89	31	34.8	1,240	946	76.3	43	17	39.5	26	60.5
	Amajyepfo	101	44	43.6	1,755	1,563	89.1	103	37	35.9	66	64.1
	Iburasirazuba	95	34	35.8	1,727	1,547	89.6	54	17	31.5	37	68.5
	Iburengerazuba	96	44	45.8	1,397	1,265	90.6	87	33	37.9	54	62.1
	Umujyi wa Kigali	35	22	62.9	980	777	79.2	62	30	48.4	32	51.6
	Igiteranyo	416	175	42.1	7,099	6,098	85.9	349	134	38.4	215	61.6
KU TURERE	Amajyaruguru	5	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-
	Amajyepfo	8	1	12.5	93	87	93.6	2	-	-	2	100.0
	Iburasirazuba	7	3	42.9	354	279	78.8	4	2	50	2	50.0
	Iburengerazuba	7	2	28.6	396	299	75.5	4	-	-	4	100.0
	Umujyi wa Kigali	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-
	Igiteranyo	27	6	16.7	843	665	78.9	10	2	20	8	80.0
MU GIHUGU		-	-	-	275,204	238,756	86.8	3,530	1,289	36.5	2,241	63.5

Mu cyiciro cy'Urubiruko hagombaga gutora 275,204 hatora abangana na 238,756 (**86.8%**). Hatowe abasimbura bangana na 33,530 barimo abagore 1,289 bahwanye na **36.5%**.

Imbonerahamwe ya 11: Ubwitabire n'abatowe muri Komite Nyobozi y'Igihugu y'Abafite Ubumuga

UR WE GO	Intara/ Umujyi wa Kigali	INZEGO			UBWITABIRE			ABATOWE				
		ZOSE	IZATOYE		Abagatoye	Abatoye		Bose	Gore		Gabo	
			Zose	%		Bose	%		Bose	%	Bose	%
KU TUGARI	Amajyaruguru	414	26	6.3	3,640	2,374	65.2	49	7	14.3	42	85.7
	Amajyepfo	532	78	14.7	1,933	1,640	84.8	127	40	31.5	87	68.5
	Iburasirazuba	503	51	10.1	1,214	737	60.7	114	42	36.8	72	63.2
	Iburengerazuba	538	30	5.6	571	490	85.8	41	11	26.8	30	73.2
	Umujyi wa Kigali	161	21	13.0	759	579	76.3	23	9	39.1	14	60.9
	Igiteranyo	2,148	206	9.6	8,117	5,820	71.7	354	109	30.8	245	69.2
KU MIRENGE	Amajyaruguru	89	11	12.4	385	279	72.5	13	4	30.8	9	69.2
	Amajyepfo	101	32	31.7	1,258	1,112	88.4	56	16	28.6	40	71.4
	Iburasirazuba	95	22	23.2	907	823	90.7	33	12	36.4	21	63.6
	Iburengerazuba	96	25	26.0	473	390	82.5	33	14	42.4	19	57.6

UR WE GO	Intara/ Umujyi wa Kigali	INZEGO			UBWITABIRE			ABATOWE				
		ZOSE	IZATOYE		Abagatoye	Abatoye		Bose	Gore		Gabo	
			Zose	%		Bose	%		Bose	%	Bose	%
	Umujyi wa Kigali	35	11	31.4	203	161	79.3	17	6	35.3	11	64.7
	Igiteranyo	416	101	24.3	3,226	2,765	85.7	152	52	34.2	100	65.8
KU TURERE	Amajyaruguru	5	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-
	Amajyepfo	8	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-
	Iburasirazuba	7	1	14.3	51	44	86.3	1	-	-	1	100.0
	Iburengerazuba	7	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-
	Umujyi wa Kigali	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-
	Igiteranyo	27	1	3.3	51	44	86.3	1	-	-	1	100.0
MU GIHUGU		-	-	-	11,394	8,629	75.7	507	161	31.8	346	68.2

Muri Komite Nyobozi y'Igihugu y'Abafite Ubumuga hagombaga gutora abangana na 11,394, hatora 8,629, bahwanye na **75.7%** by'ubwitabire. Hatowe abasimbura 507 barimo 161 b'abagore (**31.8%**).

3.2.2.4. icyegeranyo cy'Abayobozi basimbuwe mu mwaka wa 2017-2018

Mu matora yo kuzuzanya inzego zitonerwa, mu mwaka wa 2017-2018 hatowe Abayobozi **16,884** basimbura abatari bakiri mu myanya yabo barimo abagore **7,654** bangana na **45.3 %** nk'uko imbonerahamwe ya 12 ikurikira ibyerekanwa kuri buri rwego rw'Imitegekere y'Igihugu.

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibyerekanwa mu Bayobozi batowe mu mwaka wa 2017-2018 basimbura abatari bakiri mu myanya batorewe, Inzego z'Ibanze nizo zasimbujwe benshi, bangana na **10,092** bahwanye na **59.8%** by'abasimbuwe bese. Imbonerahamwe ya 13 ikurikira iragaragaza ko Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'Izihariye basimbuwe ku gipimo cya **4.1%** mu mwaka wa 2017-2018, ikanerekana ibipimo mu myaka ibiri ishize kuva igihe amatora rusange yo mu mwaka wa 2016 yabereye.

Imbonerahamwe ya 12: Abatowe mu Nzego zose kuva ku Mudugudu kugera ku Karere n'Umujyi wa Kigali

URWEGO		MU NZEGO Z'IBANZE			MU NZEGO ZIHARIYE										ABATOWE BOSE			
					NWC		NYC			NCPD			IGITERANYO					
		Bose	Gore		Bose	Gore	Bose	Gore		Bo se	Gore		Bose	Gore		Bose	Gore	
#	%		#	%				#	%		#	%		#	%		#	%
Umudugudu		7,683	2,555	33.3	1,667	100	1,814	688	37.9	0	0	0	3,481	2,355	67.7	11,164	4,910	44.0
Akagari		1,904	701	36.8	817	100	1,357	465	34.3	354	109	30.8	2,528	1,391	55.0	4,432	2,092	47.2
Umurenge		415	157	37.8	269	100	349	134	38.4	152	52	34.2	770	455	59.1	1,185	612	51.6
Akarere	Inama Njyanama	59	24	40.7	2	100	10	2	20.0	1	0	0	13	4	30.8	44	16	36.4
	Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi	31	12	38.7														
IGIHUGU		10,092	3,449	34.2	2,755	100	3,530	1,289	36.5	507	161	31.8	6,792	4,205	61.9	16,884	7,654	45.3


Mu nzego zose abatorewe gusimbura ni 16,884 barimo 45.3% b'abagore. Mu Nzego z'Ibanze hatowemo 34.2% b'abagore naho mu Nzego Zihariye abagore bagera kuri 61.9%. Mu bafite Ubumuga niho hatowe abagore bakeya mu basimbura (**3.8%**).

Imbonerahamwe ya 13: Abayobozi batowe muri Werurwe 2016 n'Abasimbuwe nyuma

INZEGO ZITORERWA	ABATOWE MURI 2016	ABASIMBUWE MURI 2016-2017		ABASIMBUWE MURI 2017-2018		ABASIMBUWE BOSE KUVA MU 2016	
		Bose	%	Bose	%	Bose	%
INZEGO Z'IBANZE	131,030	5,830	4.4	10,092	7.7	15,922	12.2
INZEGO ZIHARIYE	281,460	12,563	4.5	6,792	2.4	19,355	6.9
IGITERANYO	412,490	18,393	4.5	16,884	4.1	35,277	8.6

Nk'uko imbonerahamwe ya 13 ibyerekanaga, gusimbura Abayobozi mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye mu mwaka wa 2017-2018 byakozwe ku gipimo cya **4.1%**. icyo gipimo kiri hasi y'icyo mu mwaka wa 2016-2017 aho cyanganyaga na **4.5%**. Cyakora gusimbura mu Nzego z'Ibanze mu mwaka wa 2017-2018 byariyongereye cyane hafi kwikuba kabiri hagereranyijwe no mu mwaka wa 2016-2017 kuko igipimo cyanganyaga na **7.7%** mu gihe cyari **4.4%** mu mwaka wa 2016-2017. Kuva hayoborwa amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'Izihariye yabaye muri Werurwe 2016, hamaze gusimburwa abangana na **35,277**, bahwanye na **8.6%** by'abatowe bose. Inzego z'Ibanze nizo zimaze gusimbuza benshi bangana na **12.2%** by'abatowe bose mu Nzego z'Ibanze.

Igishushanyo cya 1: Ikigereranyo cy'Abayobozi bamaze gusimburwa mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye (%)



3.2.3. Gutegura amatora y'Abadepite yo mwaka wa 2018

Mu rwego rw'imyiteguro y'amatora y'Abadepite yo mu 2018, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatunganyije ibikorwa bitandukanye hagamijwe kunoza imigendekere myiza y'ayo matora. Iby'ingenzi muri ibyo bikorwa ni ibi bikurikira:

- Gutegura umushinga wa gahunda y'amatora n'uw'iteka rya Pereida wa Repubulika no gukurikirana iyemezwa ryayo;
- Gutegura ingengo y'imari y'amatora no gushaka ibikoresho by'amatora;
- Gutegura ibirebana n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora y'Abadepite;
- Gutegura imfashanyigisho, kwigisha no kumenyekanisha amatora y'Abadepite;
- Gutunganya ilisiti y'itora;
- Gukangurira abaturage iby'amatora;
- Gukora inama n'abafatanyabikorwa mu matora;
- Gutumira indorererezi z'amatora.
- Kugena no guhugura abazayobora amatora;

- Kugena no gutegura ahazatorerwa;
- Gushaka ibikoresho by'amatora no kubigeza aharorerwa.

3.2.4. Ikoranabuhanga mu bikorwa by'amatora

Mu rwego rw'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu bikorwa by'amatora, mu mwaka wa 2017-2018 hateguwe ilisiti y'itora yakoreshejwe mu matora yo kuzuza yabereye mu Mirenge itandukanye y'Igihugu hasimburwa Abajyanama rusange mu Nama Njyanama z'Uturere yabaye mu byiciro bitatu bitandukanye nk'uko byavuzwe haruguru.

Mu mwaka wa 2017-2018 havugururwe kandi ku rwego rw'Imidugudu ilisiti y'itora yagombaga gukoreshwa mu matora y'Abadepite yo muri Nzeri 2018.

3.2.4.1. Gutegura Ilisiti y'itora mu matora yo kuzuza Inzego zitorerwa

Nk'uko byagaragajwe haruguru, mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora mu bihe bitandukanye amatora yo gusimbura Abayobozi mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye. Mu matora yo kuzuza Inama Njyanama z'Uturere hifashishijwe ilisiti y'itora yo mu Mirenge byarebaga. Imbonerahamwe ya 14 ikurikira iragaragaza imibare y'abaturage bari ku ilisiti y'itora mu Mirenge yabereyemo amatora asimbura.

Nk'uko imbonerahamwe ya 14 ibyerekanwa, hashingiwe ku mubare w'Abanyarwanda bari ku ilisiti y'itora ntakuka mu mwaka wa 2018 (havuyemo abo muri Diaspora batagira uruhare mu matora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'Izihariye) ungana na **7,125,657**, abaturage bari ku ilisiti y'itora yakoreshejwe mu matora yo gusimbura Abayobozi mu mwaka wa 2017-2018 ni **797,826**, bahwanye na **11.2%** by'abari ku ilisiti y'itora bose mu mwaka wa 2018.

Imbonerahamwe ya 14: Abari ku ilisiti y'itora mu gusimbura Abajyanama rusange mu Nama Njyanama z'Uturere

INTARA	AKARERE	UMURENGE	ABARI KU ILISITI Y'ITORA
AMAJYARUGURU	1. GICUMBI	RUTARE	15,161
		CYUMBA	9,814
		BYUMBA	23,997
		RUKOMO	15,155
		RUSHAKI	8,221
	2. GAKENKE	KIVURUGA	11,942
	3. RULINDO	SHYORONGI	15,876
	4. BURERA	CYANIKA	24,084
GITOVU		7,110	
AMAJYEPFO	5. NYAMAGABE	MBAZI	7,566
		KAMEGERI	8,699
		KITABI	15,881
		KIBEHO	13,875
	6. KAMONYI	MUSAMBIRA	22,473
	7. NYARUGURU	KIBEHO	13,875
		MUNINI	9,043
	8. HUYE	MARABA	15,538
		NGOMA	11,510
		SIMBI	13,394
	9. RUHANGO	BYIMANA	24,634
KINIHIRA		16,811	
RUHANGO		44,568	

INTARA	AKARERE	UMURENGE	ABARI KU ILISITI Y'ITORA
IBURASIRAZUBA	10.NGOMA	MURAMA	14,249
	11.NYAGATARE	GATUNDA	18,009
		NYAGATARE	25,231
		TABAGWE	20,803
		12.KAYONZA	KABARE
	KABARONDO		17,819
	RURAMIRA		10,162
	RWINKWAVU		15,803
	13.BUGESERA	JURU	15,720
		MAREBA	14,272
		MAYANGE	17,370
IBURENGERAZUBA	NYABIHU	JOMBA	13,895
		BIGOGWE	18,414
		JENDA	19,335
		MUKAMIRA	17,750
		RUREMBO	12,675
		14.RUBAVU	BUGESHI
	15.NGORORERO	BWIRA	11,513
	16.RUTSIRO	MURUNDA	11,819
	17.KARONGI	RUGABANO	20,594
	18.RUSIZI	GITAMBI	14,845
		NKUNGU	13,711
		MUGANZA	16,455
	19.NYAMASHEKE	BUSHEKERI	14,986
UMUJYI WA KIGALI	20.GASABO	KACYIRU	33,775
		NDUBA	19,718
IGITERANYO			797,826

3.2.4.2. Kuvugurura Ilisiti y'itora yagombaga gukoreshwa mu matora y'Abadepite

Mu rwego rwo kwitegura amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite yari ateganyijwe tariki ya 02-04 nzeri 2018, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yavuguruye ilisiti y'itora izakoreshwa muri ayo matora.

Kuva kuwa 18/04/2018, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangiye igikorwa cyo gusohora ku mpapuro ilisiti y'itora ku rwego rw'Imidugudu. Ilisiti y'itora yamanuwe mu Midugudu yose kuwa kuwa 02/05/2018 kugeza kuwa 04/05/2018, kuyivugurura n'intoki bikorwa kuwa tariki ya 05/05/2018 kugera tariki ya 26/05/2018. Igikorwa cyo gukosora ilisiti y'itora mu mashini cyatangiye kuwa 04/06/2018. Imbonerahamwe ya 15 ikurikira igaragaza uko ilisiti y'itora y'agateganyo yari iteye mu Gihugu no mu Mahanga.

Imbonerahamwe ya 15: Imiterere y'ilisiti y'itora y'agateganyo

Intara/Umujyi wa Kigali na Diaspora	BOSE	Gabo		Gore		Urubyiruko	
		Bose	%	Bose	%	Bose	%
Umujyi wa Kigali	864,136	448,615	52	415,521	48	370,211	43
Amajyepfo	1,685,441	751,036	45	934,405	55	746,884	44
Iburengerazuba	1,654,437	742,373	45	912,064	55	779,432	47
Amajyaruguru	1,196,078	544,314	46	651,764	54	551,704	46
Iburasirazuba	1,728,523	793,725	46	934,798	54	773,958	45
Diaspora	45,573	25,215	55	20,358	45	11,886	26
IGITERANYO	7,174,188	3,305,278	46	3,868,910	54	3,234,075	45

Iyi lisiti y'itora y'agateganyo niyo yasohotse ku wa 02/08/2018 ikaba yaragombaga gukomeza kunozwa ikavamo ilisiti ntakuka yagombaga gusohoka ku wa 7/08/2018 no gukoreshwa mu matora y'Abadepite.

3.3. INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU N'AMAHUGURWA KU MATORA

Nk'uko biteganywa n'Itegeko N° 31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigenga Imiterere n'Imikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu mu ngingo yaryo ya 5, gutegura no gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu mu birebana n'amatora ni imwe mu nshingano za Komisiyo. Ni muri urwo rwego mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoze ibikorwa bitandukanye bijyanye no gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora, hakoreshejwe uburyo bunyuranye.

3.3.1. Gutegura isuzumamigendekere ry'Uburere Mboneragihugu ku matora mu 2016-2017

Mu ntangiriro z'umwaka wa 2017-2018 hakoze inama ku isuzumamigendekere rya gahunda y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2016-2017. Iyi nama yari yatumiwemo abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora batandukanye, yabaye ku itariki ya 28/09/2017 yitabiriwe n'abantu 51 kuri 80 bari batumiwe (64%). Muri icyo nama hagarurirwe ku byakozwe muri 2016-2017 bijyanye n'Uburere Mboneragihugu, ndetse n'ibiteganyijwe gukorwa mu mwaka wa 2017-2018.

Ibitekerezo bitandukanye byatanze muri icyo nama byabaye ifatizo mu itegurwa rya gahunda y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2017-2018.

3.3.2. Gutegura no gutubura imfashanyigisho

Mu mwaka wa 2017-2018 hateguwe kandi hemezwa Progaramu y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2017-2018 n'imfashanyigisho zakoreshejwe. Izo mfashanyigisho zanyujijwe mu icapiro zituburwa nk'uko imbonerahamwe ya 16 ibyerekanaga.

Imbonerahamwe ya 16: Imfashanyigisho ku matora zatuburwa mu mwaka wa 2017-2018

N°	Imfashanyigisho	Udutabo twakozwe
1	Gahunda y'Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu mu mwaka wa 2017-2018	100
2	Iby'ingenzi mu Itegeko n'Amabwiriza bigenga amatora y'Abadepite mu 2018	1,300
3	Gahunda y'amatora y'Abadepite ateganyijwe muri Nzeri 2018	60,000
4	Uruhare rw'Umuturage mu matora no mu miyoborere myiza	3,344
5	Uruhare n'inshingano by'Abadepite	3,344
6	Inshingano n'imyitwarire by'Abakorera bushake b'amatora mu bihe by'amatora	1,500

Nk'uko bigaragara mu ri iyi mbonerahamwe, inyinshi mu mfashanyigisho zateguwe zibanze ku matora y'Abadepite yo mu mwaka wa 2018, kuko izarebanaga n'amatora ya Perezida wa Repubulika yo muri Kanama 2017 zari zarateguwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017.

Imfashanyigisho zimaze gutuburwa zagejejwe mu Turere, mu Ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse no ku Bafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, kugira ngo zifashishwe mu gihe cy'amahugurwa n'ibiganiro bitandukanye ku matora.

3.3.3. Gutanga amahugurwa n'ibiganiro ku matora

Mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize mu bikorwa gahunda y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora muri rusange no ku matora ya Perezida wa Repubulika yo muri Kanama 2017 n'amatora y'Abadepite yo muri Nzeri 2018 by'umwihariko. Imbonerahamwe ya 17 ikurikira irerekana ibyiciro n'imibare by'abitabiriye amahugurwa n'ibiganiro.

Imbonerahamwe ya 17: Abahawe amahugurwa n'ibiganiro ku matora mu mwaka wa 2017-2018

N°	IBYICIRO	ABAHUGUWE			
		Abagore		Abagabo	Bose
		Bose	%		
1.	Abahuguriwe guhugura abandi ku rwego rw'Igihugu	29	44.6	36	65
2.	Itorero Inkomezabigwi ry'Abarangije amashuri yisumbuye	25,543	48.8	26,752	52,295
3.	Abagize Komite Mpuzabikorwa ku Turere	132	40.0	198	330
4.	Abahuzabikorwa b'amatora ku Mirenge no kuri Site z'Itora	1,191	39.8	1798	2,989
5.	Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubiruko	203	32.6	419	622
6.	Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore	576	100.0	0	576
7.	Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Abantu bafite Ubumuga	174	26.8	475	649
8.	Abayobozi b'Inzego z'Ibanze mu byiciro binyuranye	1,197	45.9	1409	2,606
9.	Abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye n'Abarezi	299	44.6	372	671
10.	Abagize Inama Njyanama y'Umurenge	877	48.2	744	1821
11.	Inteko z'abaturage mu Tugari	913,633	43.1	1,205,810	2,119,443
12.	Abaturage nyuma y'Umuganda rusange usoza buri kwezi	1,356,703	47.6	1,495,078	2,851,781
13.	Abahinzi bUmuceri, ibobere n'aborozi b'amagweja	4534	45.9	5336	9870
14.	Abagore mu kwibuka abagore bazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994	688	100.0	0	688
15.	Umugoroba w'Ababyeyi	363,290	44.0	462,343	825,633
16.	Abahaze bayobora Inzego z'ibanze mu Karere ka Gatsibo	2,700	45.6	3,220	5,920
17.	Abikorera	24,359	45.0	29,789	54,148
18.	Inzego zishinzwe umutekano	12,289	49.0	12,811	25100
19.	Abagore b'abanyamakuru	51	100.0	0	51
20.	Abafatanyabikorwa b'uturere	434	34.1	839	1273
21.	Koperative z'Abahinzi	194	52.2	178	372
22.	Urubiruko mu mashuri yisumbuye	1745	38.5	2783	4528
23.	Abagore mu mashyirahamwe	691	100.0	0	691
24.	Abanyeshuri bo mu mashuri Makuru na za Kaminuza	867	49.9	871	1738
25.	Urubiruko rwacitse ku icumu rya Jenoside	284	33.6	562	846
26.	Abakozi bo mu ngo	77	22.1	271	348
27.	Abakozi bo mu Hoteri	116	39.5	178	294
28.	Abakozi mu bigo bya Leta n'ibiyigenga	299	52.7	268	567
29.	Abamotari	1	0.1	671	672

N°	IBYICIRO	ABAHUGUWE			
		Abagore		Abagabo	Bose
		Bose	%		
30.	Abanyonzi b'amagare	0	0.0	478	478
31.	Abakorera bushake b'amatora	37,988	52.6	34,189	72,177
32.	Indorezezi z'amatora	847	49.1	879	1726
IGITERANYO		2,752,011	45.6	3,288,757	6,040,968

Hakoreshejwe uburyo bunyuranye, kugira ngo ababanyarwanda benshi muri rusange, cyane cyane abagombaga gutora, bagerweho n'amahugurwa n'ibiganiro ku matora y'Abadepite.

3.4. KUMENYAKANISHA IBIKORWA BYA KOMISIYO

Mu rwego rwo kumenye mu kumenyekanisha ibikorwa byayo, muri rusange mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizemo ingufu ndetse ifata n'ingamba zo gukangurira abaturage benshi bashoboka ibirebana n'amatora ya Perezida wa Repubulika yakozwe kuva 3-4 Kanama 2017 n'amatora y'Abadepite yari ateganyijwe muri Nzeri 2018.

Hifashishijwe inzira z'itumanaho zitandukanye, hamenyekanishijwe ibikorwa bijyanye n'imyiteguro ya nyuma n'imigendekere y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'imyiteguro y'amatora y'Abadepite. Hibanzwe buri gihe ku ruhare rw'umuturage n'abandi bafatanyabikorwa mu matora no ku migendekere myiza y'ayo matora yombi.

3.4.1. Gutegura ikiganiro "Inzira ya demokarasi"

Hifashishijwe impuguke mu itangazamakuru, ikiganiro "Inzira ya demokarasi" cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora gihita kuri buri wa kabiri kuri radiyo Rwanda cyarateguwe, gikorwa inshuro 52 mu mwaka, ku ngingo zitandukanye zirebana n'amatora n'imiyoborere myiza. Hashingiwe ku bikorwa by'amatora byari bigezweho Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagiye ihitamo buri gihe insanganyamatsiko z'ibiganiro kugira ngo bitange umusaruro wari ukenewe. Ibiganiro byose byacyiye kuri radiyo Rwanda byabitswe neza nyuma yo gushyirwa kuri CDs.

3.4.2. Gukoresha ikoranabuhanga mu gukangurira amatora

Hateguwe inkuru zitandukanye zivuga ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora muri rusange, amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite by'umwihariko zishyirwa kuri "**Website**" no ku mbuga nka "**Facebook**" na "**Twitter**" za Komisiyo. Uretse kumenyesha amakuru, izo mbuga nkoranyambaga zagize uruhare rukomeye mu gusubiza ibibazo abaturage babazaga ku bikorwa by'amatora byatunganywaga mu mwaka wa 2017-2018. Mu rwego rw'ikoranabuhanga kandi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoresheje ubutumwa bugufi (SMS) bukungurira abaturage kwitabira ibikorwa by'amatora no mu kuvugurura ilisiti y'itora mu Rwanda ndetse no mu mahanga.

3.4.3. Gutegura no gukoresha "spots" n'ubutumwa kuri "websites"

Hateguwe ubutumwa bwamamaza "spots" bune (4) ku nsanganyamatsiko zikurikira:

- Gukangurira Abanyarwanda kwitabira amatora ya Perezida wa Repubulika;
- Itangwa ry'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu muri rusange no ku matora by'umwihariko;
- Kumenyekanisha gahunda y'amatora y'Abadepite no gukangurira Abanyarwanda kuyitabira;
- Gukangurira Abanyarwanda igikorwa cyo kuvugurura ilisiti y'itora yagombaga gukoreshwa mu matora y'Abadepite.

Komisiyo yateguye kandi itanga ubutumwa kuri "Website" yayo no ku zindi "Websites" zikoreshwa zikunda gusurwa n'Abanyarwanda, arizo **Igihe.com** na **Newtimes.com**, hashingiwe ku masezerano yakozwe hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'ibyo bitangazamakuru.

3.4.4. Gutegura ubutumwa ku byapa binini n'ibitambaro bimanikwa (Banners)

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye ubutumwa bujya ku byapa binini 12 n'ubutumwa ku bitambaro (banners) ku matora ya Perezida wa Repubulika no ku matora y'Abadepite bishyirwa ahantu habiri (2) muri buri Murenge hahurira abaturage benshi no mu marembo y'Imijyi minini mu gihugu hose.

3.4.5. Gutegura ibiganiro n'abanyamakuru

Mu mwaka wa 2017-2018 hatumijwe ibiganiro n'abanyamakuru (press conferences) inshuro 5 mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa by'amatora. Hateguwe kandi ku bufatanye na RBA ibiganiro "**KUBAZA BITERA KUMENYA**" ndetse no ku ma radiyo na Televiziyo byigenga, kugira ngo hasobanurwe imigendekere y'ibikorwa by'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, kandi hasubizwe ibibazo by'Abaturage.

3.5. IMIKORANIRE N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatunganyije ibikorwa bitandukanye harimo cyane cyane gukurikirana no kuvugurura amasezerano y'imikoranire n'izindi nzego, gukora inama n'abafatanyabikorwa, kunoza imikoranire n'inzego zo mu gihugu ndetse na za Ambassade no kwakira abashyitsi baje bayigana muri rusange, mu bihe by'amatora by'umwihariko.

3.5.1. Gutegura no gukurikirana amasezerano y'ubufatanye n'ibitangazamakuru

Mu ntangiriro z'umwaka wa 2017-2018, hakurikiranywe isozwa ry'amasezerano y'ubufatanye hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora na RBA, Imvaho Nshya na The New Times, nyuma y'igihe cy'imikoranire mu matora ya Perezida wa Repubulika.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi isinyana na **RBA, Imvaho Nshya, The New Times, Radio Flash, Radio 10 n'Igihe.com** amasezerano mashya y'ubufatanye, arebana no guha abaturage n'abandi bafatanyabikorwa ubutumwa bwerekeranye n'amatora.

3.5.2. Kunoza umubano n'ubufatanye n'Inzego Mpuzamahanga

Mu rwego rwo gutsura umubano mu rwego mpuzamahanga no kuwubonamo kuramo inyungu, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagize uruhare mu bikorwa 2 by'ingenzi bikurikira.

1) Inama ngarukamwaka ya 4 y'Inzego ziyobora amatora muri Afurika (AAEA)

Iyi nama yateguwe n'Umuryango w'Afurika yunze Ubumwe, iteranira i Kigali kuva 08-10/11/2017 ku nsanganyamatsiko y'"**Kubona inyungu mu gukangurira urubyiruko ibikorwa by'amatora muri Afurika**".

Inama ya 4 y'Inzego ziyobora amatora muri Afurika (Association of African Election Authorities, **AAEA**) yitabiriwe n'ibihugu 48. Abayitabiriye bunguranye ibitekerezo kandi bahana amakuru k'uko iby'amatora byifashe muri buri gihugu. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora y'u Rwanda yasangije abitabiriye inama ku ngamba n'amasomo byavuye ku ruhare rw'Urubyiruko mu bikorwa by'amatora mu Rwanda.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yafashije kandi mu korohereza abitabiriye iyo nama, kuva binjira mu gihugu kugeza basubiye iwabo.

Ibyakwishimirwa ni uko abitabiriye inama bose bagiye bishimiye imigendekere myiza y'inama n'uko bakiriwe mu Rwanda kandi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikaba yaratorewe umwanya wa Perezida w'Inteko Rusange y'Ishyirahamwe Nyafurika ry'Inzego ziyobora amatora (AAEA) mu gihe cy'imyaka 2.

2) Inama ngarukamwaka ya 5 y'Inzego ziyobora amatora muri Afurika y'Iburasirazuba

Iyi nama yateraniye i Nairobi (Kenya) kuva 6-9/11/2017. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayihagarariwemo n'Abakomiseri 2 aribo Madamu **Loyce K. BAMWINE** na Madamu **UWERA Pélégie**. Habayeho gusangira ubumenyi no guhana amakuru ku mbogamizi n'amahirwe biboneka mu miyoborere y'amatora mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) muri rusange, no muri buri gihugu by'umwihariko.

3.5.3. Kunoza ubufatanye n'Inzego zo mu gihugu

Mu mwaka wa 2017-2018 hakozwe byinshi mu birebana n'ubufatanye n'Inzego zitandukanye mu gihugu ariko iby'ingenzi ni ibi bikurikira:

1) Inama zitandukanye n'abafatanyabikorwa mu matora

Mu myiteguro no mu bihe by'amatora, habaye inama zigamije kurebera hamwe uburyo bwo kunoza imikoranire n'uruhare rwa buri wese mu migendekere myiza y'amatora. Hakozwe inama n'abafatanyabikorwa bafatanye amasezerano y'ufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ari bo: Inama y'Igihugu y'Urubiruko, Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga, Inama y'Igihugu y'Abagore, Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu, Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta n'Ikigo gishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'uburinganire (GMO). Hakozwe kandi inama na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu... Hateguwe kandi n'inama z'abandi bafatanyabikorwa bagira uruhare rwa hafi mu bikorwa by'amatora barimo Abaterankunga Mpuzamahanga, Inzego z'Umutekano, Inzego z'Ibanze n'Ibigo byatsindiye amasoko yo gutwara ibintu n'abakozi ba Leta.

2) Gufasha Urugaga rw'Abikorera (PSF) gutegura no kuyobora amatora y'inzego zarwo

Hashingiwe ku busabe bw'Ubuyobozi bw'Inzego z'Urugaga rw'Abikorera (PSF), Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yitabiriye inama ku myiteguro y'amatora yabaye kuwa 6 Gashyantare 2018. Iyo nama yahuje Urugaga rw'Abikorera, Abayobozi b'Uturere Bungirije bashinzwe Ubukungu n'Iterambere, Abayobozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'Abahuzabikorwa b'Amatora ku Ntara/ Umujyi wa Kigali na Zone z'Amatora. Abitabiriye inama basobanuriwe amabwiriza agenga amatora y'Inzego z'Urugaga rw'Abikorera (PSF) n'ingengabihe yayo kandi hagaragazwa uruhare n'inshingano bya buri rwego muri icyo gikorwa. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yahawe inshingano yo gutanga Abakorera bushake bafashije kuyobora amatora bunganira Inzego z'Urugaga rw'Abikorera n'iz'Uturere muri icyo gikorwa. Amatora nyirizina yabaye hagati y'amataliki ya 7/02/2018 na 16/02/2018, hatorwa inzego za PSF kuva ku Kagari kugera ku rwego rw'Igihugu, zigizwe n'abantu bose hamwe **8,569**.

3.5.4. Kwakira abashyitsi

Mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye abashyitsi baje bayigana cyane cyane mu bihe by'amatora kandi ibafasha kubona serivisi bari bakeneye. Muri abo bashyitsi abenshi bari biganjemo abaturage batari barabashije kwireba no kwiyimura ku ilisiti y'itora, indorerezi z'amatora mu matora ya Perezida wa Repubulika n'abandi bari bakeneye amakuru atandukanye ku bikorwa by'amatora.

Nk'uko bigaragara mu gitabo cyagenewe kwandikwamo abagana Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mu mwaka wa 2017-2018 hakiriwe abashyitsi bose hamwe **1,027** harimo **929** bagenzwaga n'impamvu z'akazi n'abandi **98** bagenzwaga n'impamvu zabo bwite.

3.6. IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

Iki gice cy'iyi aporo kirerekana imicungire y'ingengo y'imari n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

3.6.1. Imicungire y'abakozi

3.6.1.1. Gushaka abakozi bakenewe no kubashyira mu myanya

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yamenyesheje Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA) imyanya yari ikeneye abakozi (Umugenzuzi bwite, Administrative Assistant w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa Wungirije n' Umukozi ushinzwe amatora (Election Officer). Inzego zombi zumvikanye ko abo bakozi bashakwa hifashishijwe uburyo bwa E-Recruitment nk'uko biteganywa n' Iteka rya Perezida n°144/01 ryo ku wa 13/04/2017 rigena uburyo bwo gushaka, gushyiraho no gushyira mu myanya abakozi ba Leta. Abo bakozi bashyizwe mu myanya ku buryo bukurira:

- 1) Bwana **DUSHIMUMUKIZA Elican**, Umugenzuzi (Internal Auditor);
- 2) Bwana **NIYIGENA Jean Bosco**, Umukozi wunganira (Administrative Assistant) Umunyamabanga Nshingwabikorwa Wungirije wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
- 3) Bwana **Magezi Célestin**, Umukozi Ushinzwe amatora (Election Officer).

Mu rwego rw'imyiteguro y'amatora y'Abadepite, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye mu mwaka wa 2017-2018 ibyangombwa byo gushaka abakozi b'ingoboka 36 bagombaga kwifashishwa muri ayo matora. Ni muri urwo rwego, hashingiwe ku rutonde rw'abari batsinze ibizamini mu gihe cy'amatora ya Perezida wa Repubulika mu mwaka wa 2017, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yasabye uburenganzira MIFOTRA na Komisiyo y'Abakozi ba Leta bwo kubakoresha bitabaye ngombwa kongera gukoresha ibizamini. Nyuma yo kubihirwa uburenganzira, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize mu myanya abakozi ku buryo bukurira:

- Umukozi **1** wunganira Abakomiseri;
- Abakozi **5** bashinzwe Ibikoresho n'Imari ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;
- Abakozi **30** bashinzwe Ibikoresho n'Imari ku rwego rw'Uturere.

Imbonerahamwe ya 18 ikurikira irerekana imibare y'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mwaka wa 2017-2018 n'impinduka zagiye ziba mu bihe bitandukanye.

Imbonerahamwe ya 18: Imibare y'abakozi ba KIA mu mwaka wa 2017-2018

UKWEZI	UMUBARE W'ABAKOZI
Nyakanga 2017	49
Kanama 2017	49
Nzeri 2017	49
Ukwakira 2017	49
Ugushyingo 2017	51
Ukuboza 2017	51

Mutarama 2018	50
Gashyantare 2018	50
Werurwe 2018	51
Mata 2018	51
Gicurasi 2018	51
Kamena 2018	51

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibyerekana, umwaka watangiye Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ibura abakozi 2 batari mu myanya (Umugenzuzi n'Uwunganira Umunyamabanga Nshingwabikorwa Wungirije), baza gushyirwaho mu Ugushyingo 2017. Muri Mutarama 2018, umukozi ushinze Ingengo y'Imari, Madamu **UZAMUKUNDA Immaculate**, yasezeye ku mirimo, asimburwa na **TUMUBARE Albert** avuye ku mwanya wa Election Officer, nawe asimburwa muri Werurwe 2018 na Bwana **MAGEZI Célestin** watanze na MIFOTRA.

3.6.1.2. Gukora isuzumabushobozi ry'abakozi no gutegura Imihigo

Ingingo ya 11 y'Iteka rya Minisitiri w'Intebe N° 121/03 ryo kuwa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa mu isuzumabushobozi n'izamurwa mu ntera ry'abakozi ba Leta iteganywa ko gusinya amasezerano y'imihigo kuri buri mukozi wa Leta bikorwa muri Nyakanga. Iteganya kandi ko isuzuma ryayo naryo kuri buri mukozi wa Leta riba muri Nyakanga nyuma y'amezi 12 y'akazi abarwa kuva muri Nyakanga kugeza muri Kamena.

Ni muri urwo rwego mu ntangiriro y'umwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye isuzumabushobozi ry'umwaka wa 2016-2017 n'Imihigo y'umwaka wa 2017-2018 kuri buri mukozi, hakoreshejwe porogaramu y'ikoranabuhanga "IPPIS" yashyizweho na Minisitiri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo.

Ingingo ya 31 y'Iteka ryavuzwe haruguru iteganya izamurwa mu ntera y'ingazi ntambike (Horizontal Promotion) ry'abakozi nyuma y'imyaka itatu (3). Abakozi bazamuwe mu ntera nk'uko imbonerahamwe ya 19 ikurikira ibyerekana.

Imbonerahamwe ya 19: Abakozi bazamuwe mu ntera

N°	Umukozi	Umwanya	Intera	
			Yavuyeho	Yashyizweho
1	NIYONSHUTI K. Etienne	DAF	3.IV	3.V
2	GISAGARA Théoneste	Legal Affairs Officer	4.IV	4.V
3	UZAMUKUNDA Immaculate	Budget Officer	5.IV	5.V
4	KWITONDA J.Baptiste	Planning, M&E Officer	5.IV	5.V

Ku birebana n'Imihigo y'umwaka wa 2017-2018, buri mukozi wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoze imihigo hakoreshejwe porogaramu y'ikoranabuhanga ya "IPPIS" yashyizweho na MIFOTRA ku Nzego zose za Leta.

3.6.2. Imicungire y'ingengo y'imari

Mu mwaka wa 2017-2018, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yabonye mu mwaka wa 2017-2018 ingengo y'imari ingana na **4,088,417,724 Frw**, igizwe na **3,866,976,569 Frw (94.6%)** yaturutse mu Kigega cya Leta naho Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (UNDP) ryahaye Komisiyo

inkunga ingana na **221,441,155 Frw (5.4%)**, yakoreshejwe mu nyigisho z'Uburere Mboneragihugu no mu kumenyekanisha ibikorwa by'amatora.

Ingengo y'imari yose yakoreshejwe muri rusange ku gipimo cya **98.4%** mu mwaka wa 2017-2018 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 20. Mu ngengo y'imari yatanze na Guverinoma y'u Rwanda, Komisiyo yakoreshejeho ingana na **3,822,105,342Frw**, ahwanye na **98,8%**. Ku nkunga yaturutse muri UNDP Komisiyo yakoresheje **200,163,870 Frw** ahwanye na **90,4%**. Imbonerahamwe ya 20 ikurikira irerekana imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mwaka wa 2017-2018.

Imbonerahamwe ya 20: Imikoreshereze y'ingengo y'imari mu mwaka wa 2017-2018

IBIKORWA BIGARI	INGENGO Y'IMARI				
	Yemewe	Yakoreshejwe		Yasigaye	
		Yose	%	Yose	%
Ingengo y'imari ya Leta	3,866,976,569	3,822,105,342	98.8	44,871,227	1.2
Imishahara n'Agahimbazamushyi	1,931,889,203	1,910,271,651	98.9	21,617,552	1.1
Ibikoresho bitaramba no gucapa inyandiko	380,726,611	367,491,780	96.5	13,234,831	3.5
Ibikoresho biraramba	11,000,000	10,494,000	95.4	506,000	4.6
Gutwara Abantu n'Ibikoresho	1,162,857,113	1,157,465,082	99.5	5,392,031	0.5
Itumanaho	76,337,200	76,137,200	99.7	200,000	0.3
Kumenyekanisha ibikorwa	148,206,442	147,461,442	99.5	745,000	0.5
Amazi n'umuriro	48,500,000	48,500,000	100.0	0	0.0
Kubungabunga no gusana ibikoresho n'inyubako	50,300,000	50,190,904	99.8	109,096	0.2
Umutekano	47,000,000	47,000,000	100.0	0	0.0
Kugura serivisi	10,160,000	7,093,283	69.8	3,066,717	30.2
Ingengo y'imari ya UNDP	221,441,155	200,163,870	90.4	21,277,285	9.6
Uburere Mboneragihugu ku matora	221,441,155	200,163,870	90.4	21,277,285	9.6
IGITERANYO	4,088,417,724	4,022,269,212	98.4	66,148,512	1.6

3.7. IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

3.7.1. Ibikorwa by'Inama y'Abakomiseri

Nk'urwego rukuru rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mu mwaka wa 2017-2018 Inama y'Abakomiseri yakoze buri gihe inama zayo mu rwego rwo gusuzuma no gufata ibyemezo bitandukanye birebana n'imiyoborere y'amatora, nk'uko biteganywa n'amategeko. Kuva muri Nyakanga 2017 kugera muri Kamena 2018, Inama y'Abakomiseri yateranye inshuro **18**. By'umwihariko mu bihe by'amatora ya Perezida wa Repubulika, Abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bakoraga ku buryo buhoraho kugeza basubiye mu mirimo yabo isanzwe, ukwezi kumwe nyuma y'amatora, bamaze kurangiza raporo y'amatora nk'uko Amategeko abiteganyaga.

Mu rwego rwo gusuzuma aho imyiteguro y'amatora y'Abadepite igeze no gufata ingamba ku buryo yarushaho kunozwa, hateguwe umwiharero w'akazi w'Abakomiseri n'abakozi bose bo mu Bunyabanga Nshingwabikorwa kuva 23-26/03/2018. Muri uwo mwiharero hatanzwe ibiganiro bitandukanye, haba kungurana ibitekerezo kandi havamo n'imyanzuro yafashije kunoza imikorere n'imikoranire y'Inzego za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ndetse n'Abafatanyabikorwa bayo batandukanye. Inama y'Abakomiseri yanogeye iyo myanzuro, irayemeza ndetse ishyiraho n'ingamba zo kuyishyira mu bikorwa.

3.7.2. Ibikorwa by'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Nk'uko biteganywa n'Itegeko rigenga Imiterere n'Imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, *"Ubunyamabanga Nshingwabikorwa ni urwego rwa tekiniki rwa Komisiyo. Bufite inshingano yo gutunganya imirimo ya buri munsu ya Komisiyo, gutegura mu rwego rwa tekiniki no gukora imirimo yose ijyanye n'amatora."*

Mu rwego rwo kunoza imikorere n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inzego z'ubuyobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mu mwaka wa 2017-2018 hakoze inama **22** z'Ubuyobozi

bw'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'inama rusange 4 z'abakozi. Inyandikomvugo z'inama zarakozwe, zibikwa neza kandi hatangwa amabwiriza n'ingamba ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe.

3.7.3. Kunoza imikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

3.7.3.1. Ibirebana n'Igenamigambi

Mu birebana n'Igenamigambi, mu mwaka wa 2017-2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yanononsoye gahunda y'ibikorwa y'u mwaka wa 2017-2018 nyuma yo kwemezwa kw'ingengo y'imari n'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite. Iyo gahunda y'ibikorwa yahujwe n'ingengo y'imari Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagenewe hanashingiwe ku bikorwa byihutirwa kurusha ibindi, bikaba ari nabyo byagendeweho mu gutegura imihigo y'umwaka wa 2017-2018.

Hashingiwe ku mabwiriza ya MINECOFIN, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi mu mwaka wa 2017-2018 umushinga wa gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2018-2019 n'ingengo y'imari yayo, ishyikirizwa Inzego ziteganywa n'amategeko kugira ngo yemezwe.

3.7.3.2. Gutegura no gutanga amasoko

Mu mwaka wa 2017-2018 habaye impiduka ikomeye mu mitangire y'amasoko ya Leta kuko guhera muri Nyakanga 2017 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangiye gushyira mu bikorwa gahunda ya Leta ya "E-procurement", aho amasoko atangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga. Ibi byarafashije mu kwihutisha no koroshya uburyo bw'imitangire y'amasoko ndetse binaha abapiganira amasoko uburyo bwo kubona amakuru ku mitangire y'amasoko mu buryo bwihuse.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateganyije **amasoko 38** harimo 19 y'ibikoresho, 1 ryo gusana inzu Komisiyo ikoreramo, 3 ya serivisi y'impuguke na 15 ya serivisi zitari iz'izimpuguke. Amasoko yose yatanze amasezerano arasinywa ariko amasoko 2 abayatsindiye bananiwe gushyira mu bikorwa ibyemeranyijwe ku gihe, ku buryo umwaka warangiye batubahirije amasezerano. Ayo masoko ni ukugemura ibikoresho by'itumanaho ndetse n'ifatabuguzi rya telefone zitagendanwa. Urutonde rw'amasoko yose yatanze ruragaragara ku mugereka wa III w'iyi raporo.

3.7.3.3. Ubugenzuzi

Mu mwaka wa 2017-2018 hateguwe gahunda y'ubugenzuzi bwite bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mwaka wa 2017-2018 yemezwa n'Urwego rubishinzwe muri MINECOFIN. Mu birebana n'Ubugenzuzi, hakoze ubugenzuzi mu birebana n'imicungire y'amasoko ya Leta, imicungire y'abakozi n'imicungire y'imari.

Mu mwaka wa 2017-2018, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye itsinda ry'abagenzuzi baturutse mu Rwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta (OAG), kuva 7/02-15/03/2018. Ubugenzuzi bwakozwe ku icungamari (Financial statement) n'iyubahirizwa ry'amategeko (Compliance) kuva muri Nyakanga 2016 kugera muri Nzeri 2017 (amezi 15). Nk'uko bigaragazwa na raporo y'ubugenzuzi, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yanzuye ko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagerageje gucunga neza imari ya Leta (**Qualified opinion**) kandi yubahiriza n'amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo wa Leta (**Unqualified opinion**).

3.7.3.4. Imicungire y'Isomero n'Ubushyinguranyandiko

Inzu y'Isomero ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yacunzwe umunsi ku wundi, iha serivisi abayigana bose, ibafasha kubona inyandiko bari bakeneye. Ibindi bikorwa by'ingenzi byatunganyijwe ni ibi bikurikira:

- Gufata ifatabuguzi ry'Igazeti ya Leta n'ibindi binyamakuru;
- Gutunganya, kubika no gushyingura inyandiko za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora zitandukanye zirimo inyandiko zijyanye n'indorezezi z'amatora ya Perezida wa Repubulika, inyandiko zo kuva mu mwaka wa 2007 kugera mu 2010, ibinyamakuru byasohotse mu mwaka wa 2016-2017;
- Guhuriza hamwe nimero z'Igazeti ya Leta zasohotse muri 2017;
- Gukusanya inyandikomvugo z'inama z'Ubuyobozi bw'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa n'ibyemezo by'Inama z'Abakomiseri mu mwaka wa 2016-2017;
- Guhuriza hamwe mu bitabo 2 inyandikomvugo z'inama z'Ubuyobozi bw'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa n'Inama y'Abakomiseri n'ibyemezo by'Inama z'Abakomiseri mu mwaka wa 2017-2018.

3.8. KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

3.8.1. Kongerera ubumenyi Abakomiseri n'Abakozi

Mu rwego rwo kongerera ubumenyi Abakomiseri n'Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mu mwaka wa 2017-2018 hakurikiranwe amatora muri Kenya n'amahugurwa atandukanye ajyanye n'inshingano z'abakozi nk'uko imbonerahamwe ya 21 ikurikira ibyerekana.

Imbonerahamwe ya 21: Amahugurwa n'ibikorwa nyungurabumenyi byakozwe mu 2017-2018

N°	Umukomiseri/ Umukozi	Icyo ashinzwe	Amahugurwa/ Ibikorwa nyungurabumenyi	Igihe byakorewe	Aho byabereye
1	Ntibirindwa Suedi	Komiseri	Gukurikirana amatora ya Perezida	20-29/10/2017	Kenya
2	Niyonshuti K. Etienne	Director of Administration and Finance	Human Resources Management	23-27/10/2017	RMI- Murambi
3	Iyamuremye J.Bosco	Human Resources Management Officer	Human Resources Management	23-27/10/2017	RMI- Murambi
4	Mutesi Faith	ICT Officer	ICT in Election Management	8-13/10 2017	New Delhi- India
5	Kananura Yvan	Network and Security Administrator	ICT in Election Management	8-13/10 2017	New Delhi- India
6	Mukarumashana Lucie	Electoral Civic Education Program Officer	Monitoring and Evaluation	16-20/10/2017	RMI- Murambi
7	Kwitonda J.Baptiste	Planning, M&E Officer	Monitoring and Evaluation	16-20/10/2017	RMI- Murambi
8	Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora 11		ICT (Microsoft Excel & Word)	Ukwakira- Ukuboza 2017	Icyicaro gikuru cya Komisiyo
